**BAMWE MU BAFATANYABIKORWA**

international alert

Schweizerische Eidgenossenschaft
Confédération suisse
Confederazione Svizzera
Confederaziun svizra

Direction du développement
et de la coopération DDC

AGIAMONDO
CPS Civil Peace Service

Secours Catholique
Caritas France

CRS
CATHOLIC RELIEF SERVICES

Trócaire
Working for a just world.

giz Deutsche Gesellschaft für Internationale Zusammenarbeit (GIZ) GmbH

SCIAF
Scotland's aid agency

CAFOD



COMMISSION EPISCOPALE
JUSTICE ET PAIX RWANDA
(CEJP RWANDA)

*B.P. 4375 Kigali | Avenue de la Paix KN 4 Av 36 | Tél.: (250) 786166743*
*E-mail: cejprwanda1@gmail.com | https: //cejprwanda.org | X: CEJP Rwanda*
*deskcontact@cejprwanda.org*


EGLISE CATHOLIQUE AU RWANDA
25
UBUMWE N'UBWIYUNGE
BOSE NIBABE UMWE



# UBUMWE N'UBWIYUNGE MU RUMURI RW'IVANJILI:
# Imyaka 25 y'isanamitima n'ubwiyunge



Ugushyingo, 2019



**Kiliziya Gatolika mu rugendo rw'Ubumwe n'Ubwiyunge mu myaka 25 nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

# UBUMWE N'UBWIYUNGE MU RUMURI RW'IVANJILI:

## Imyaka 25 y'isanamitima n'ubwiyunge

**Kigali kuwa 29/11/2019 - 01/12/2019**



Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro (CEJP RWANDA)

***Kiliziya Gatolika mu rugendo rw'Ubumwe n'Ubwiyunge mu myaka 25 nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

# IBIRIMO


- ISOBANURAMPAMVU 03
- IJAMBO RY'IBANZE 04
- IMPAMVU NYAMUKURU Y'IHURIRO 05
- Ijambo ry'ikaze rya Musenyeri Antoine KAMBANDA 06
- URUGENDO RW'UBUMWE N'UBWIYUNGE MURI KILIZIYA 08
- INAMA NYUNGURANA BITEKEREZO 10
- INCAMAKE KURI BAMWE MU BATANZE IBIGANIRO 17
- IKIGANIRO MPAKA 19
- URUGENDO KU RWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA GISOZI 21
- IMYAKA 25 Y'IMPINDUKA NZIZA INZITIZI N'UBUHAMYA 22
- UBUMWE N'UBWIYUNGE ICYEREKEZO CY'AHAZAZA 24
- GUSHIMIRA 26

# ISOBANURAMPAMVU



Ifoto 1: **Padiri Valens NIRAGIRE,** Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro

Imyaka 25 irarangiye u Rwanda ruvuye Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Muri iyi myaka yose, hakozwe byinshi byari bigamije kongera kuremarema umuryango nyarwanda no kubaka ubumwe.

Kiliziya Gatolika yasanze ari igihe cyiza cyo gusubiza amaso inyuma no gusuzuma umurimo wakozwe mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge.

Ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC), Kiliziya Gatolika mu Rwanda ibinyujije muri Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro (CEJP) yateguye igikorwa cyo kumurikira Abanyarwanda n'abafatanyabikorwa bayo ibyo yagezeho muri uru rugendo rwo kongera kubanisha Abanyarwanda, nyuma y'ibihe bikomeye bya Jenoside n'ingaruka zayo.

Mu gihe Jenoside yakorewe Abatutsi yahagarikwaga, Kiliziya Gatolika yihutiye gufatanya na Leta mu bikorwa by'ubutabazi bwihutirwa. Binyuze mu nzego zayo zitandukanye, yashyize imbaraga mu kwimakaza ubutabera, ukuri, koroherana n'isanamitima, hagamijwe kugera ku bumwe n'ubwiyunge nyabwo. Ibi bikorwa by'ubwiyunge byajyanaga n'ubutumwa bw'ihumure bushingiye ku Ivanjili.

Mu rwego rwo kugaragaza ibyagezweho muri uru rugendo, kuva tariki ya 29 Ugushyingo kugeza ku ya 1 Ukuboza 2019, habaye igikorwa cy'imurika ry'ibikorwa byakozwe na Kiliziya Gatolika mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda.

Iki gikorwa cyagaragaje amakuru, inyandiko ndetse n'ubuhamya byerekana uko Kiliziya, binyuze muri Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ku rwego rw'Inama y'Abepiskopi (CEJP), no ku rwego rwa Diyosezi (CDJP) na CARITAS Rwanda, yakomeje kuba umufatanyabikorwa ukomeye mu kubaka amahoro arambye. Iki gikorwa kikaba cyaratangiwemo ubutumwa bunyuranye, burimo ubwatanzwe n'Intumwa ya Papa, ubw'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ndetse n'ubw'Umushyitsi Mukuru, Madame wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakubahwa Jeannette Kagame wari witabiriye icyo gikorwa.

Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ikaba ikomeje gushimira abafatanyabikorwa bayo bakomeje kuyiba hafi muri ibi bikorwa bitandukanye bigamije kubaka umuryango nyarwanda urangwa n'ubumwe, amahoro, ubwiyunge n'ubudaheranwa.

**Padiri Valens NIRAGIRE**
**Umunyamabanga Mukuru wa CEJP Rwanda**

# IJAMBO RY'IBANZE



Ifoto 2: **Padiri Valens NIRAGIRE,** Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro

Imyaka 25 irashize u Rwanda ruvuye mu mage ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Icyo gihe, habaye umubabaro mwinshi n'urugomo ruteye inkeke, aho bamwe mu Banyarwanda bigabizaga abandi bakabica babaziza uko Nyagasani yabaremye. Igihango cy'ubuvandimwe n'ubumuntu cyaduhuzaga nk'Abanyarwanda cyarashegeshwe, ndetse na bamwe mu bakristu barateshutse. Nubwo bari barahawe batisimu, biyemeza kubaho uko Kristu ashaka, na bo baradohotse, banga abavandimwe babo, biyambura igihango cy'ubukristu, bica inzirakarengane, banduza isura y'Imana muri bo, banahindanya Kiliziya yabareze.

Nyuma ya Jenoside, Kiliziya Gatolika ifatanyije n'inzego z'ubuyobozi bw'Igihugu n'abandi bafatanyabikorwa, yahagurukiye byimazeyo gufasha umuryango nyarwanda kongera kwiyubaka. By'umwihariko, hashyizwe imbere ibikorwa byo kuvura ibikomere no kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge.

Urugendo rwa Synode "Gacaca Nkirisitu" rwatubereye isomo rikomeye, ruduha imbaraga zituma buri wese abasha kuvuga ati: "Murikiwe n'Ivanjili, sinzongera kwibagirwa ko uri umuvandimwe wanjye." Mu myaka 25 ishize, benshi bumvise ukuri ku byaha bakoze, bongera kwakira Ijambo ry'Imana. Bibutse ko bahemutse bica abavandimwe babo cyangwa babasahura ibyabo maze batera intambwe yo gusaba imbabazi.

Bavandimwe, ubumwe n'ubwiyunge ni urugendo rw'imbabazi. Imbabazi ziromora, zirabohora, zisubizaho icyizere hagati y'uzisabye n'uzitanze. Ni zo zirema iteme ry'umubano, zisana imiryango kandi zitanga amahoro nyakuri. Turagaruka ku magambo y'Intumwa Pawulo mu Ibaruwa ya kabiri yandikiye Abanyakorinti, ati: "Byose biva ku Mana yo yatwiyegereje itubabarira muri Kristu, natwe ikadushinga umurimo wo kunga abantu na Yo. Uko biri kose, Imana ni Yo yiyunze n'abantu bose muri Kristu, ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, natwe idushinga ubutumwa bwo kubunga na Yo.

Ubu rero duhagarariye Kristu; nk'aho Imana ubwayo yabashishikarije muri twe. Ngaho rero, turabinginze mu izina rya Kristu: nimureke Imana ibigarurire" (2Kor 5, 18-20).

**Padiri Valens NIRAGIRE**
**Umunyamabanga Mukuru wa CEJP Rwanda**

# IMPAMVU NYAMUKURU Y'IHURIRO



*Ifoto 3: Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Musenyeri Antoine KAMBANDA, Musenyeri Servillien NZAKAMWITA*

***Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda (CEPR), yiyemeje kuba umufatanyabikorwa w'imena mu bikorwa byo kwimakaza ubwiyunge n'ubumwe mu gihe cya nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Muri Sinodi yayo yabaye nyuma ya Jenoside, yashyizeho umurongo ngenderwaho ugendanye n'inshingano ifite yo kwimakaza ubwiyunge mu muryango nyarwanda. Ingingo z'ingenzi ziyobora iki gikorwa cy'ubumwe n'ubwiyunge bw'imbaga y'Abanyarwanda zikaba zifite umuzi mu nyigisho mbonezamubano ya Kiliziya Gatolika.***

Mu myaka 25 ishize, Kiliziya yakoze uru rugendo ifatiye ku nzego zayo zose, uhereye mu miryango remezo, paruwasi, diyosezi ndetse n'urwego rw'Inama y'Abepiskopi.

Buri wese ashishikarizwa kugira ibikorwa bifatika bifite uruhare mu guhamya umuco w'amahoro ku buryo burambye, bityo ishyiraho umusingi ushimangira umuryango wiyunze utuma uwutuye anyurwa no kuwubamo.

Igitekerezo cya Kiliziya cyo gusubiza amaso inyuma ikarebera hamwe n'abaturage b'u Rwanda kimwe n'abafatanyabikorwa bayo ibyaranze imyaka 25 y'umurimo wo kunga no kubanisha Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 kigamije gufasha:

- Kiliziya Gatolika binyuze muri Komisiyo yayo y'Ubutabera n'Amahoro, kimwe n'izindi nzego zose za Kiliziya kugeza ku muryango remezo, kurebera hamwe intambwe imaze guterwa.
- Kurushaho gushyira hamwe imbaraga mu murimo usaba umuhate uhoraho, utari gusa hagati y'amakomisiyo y'ubutabera n'amahoro, ahubwo wambukiranya ukagera ku bafatanyabikorwa baturutse impande zose.
- Gukomeza kugaragaza ishyaka ryo kwimakaza umuco w'ubufatanye bwa hafi buri hagati ya Kiliziya na Leta y'u Rwanda mu nzira yimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.
- Kugena icyerekezo cy'ibizakorwa mu rwego rw'ubumwe n'ubwiyunge mu gihe kizaza.

# Ijambo rya Musenyeri Antoine KAMBANDA Arkiyepiskopi wa Kigali



*Ijambo ry'ikaze rya Musenyeri Antoine KAMBANDA, Arkiyepiskopi wa Kigali akaba n'Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu Nama y'Abepiskopi*

- **Nyakubahwa Madame Jannette KAGAME**, Umushyitsi Mukuru wacu,
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda**,
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Prezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika Mu Rwanda**,
- **Ba Nyakubahwa Ba Minisitiri muri hano**,
- **Ba Nyakubahwa Ba Senateri, Badepite muri hano**,
- **Nyakubahwa Ambassaderi uhagarariye Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi mu Rwanda**,
- **Ba Nyakubahwa muhagarariye ibihugu byanyu n'imiryango nterankunga mu Rwanda**,
- **Bashyitsi mwaturutse muri Kenya n'i Burundi**,
- **Ba Nyakubahwa muhagarariye Amadini n'Amatorero ari mu Rwanda**,
- **Basaserdoti, Bihayimana mwese muri hano**,
- **Nshuti Bavandimwe**,

Mbanje mwese kubasuhuza no kubifuriza amahoro y'Imana.

Ndabashimira mwese cyane cyane Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame, Umufasha wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda wemeye kwifatanya natwe kuri uyu munsi.

Hashize imyaka 25 y'urugendo rw' ubumwe n'ubwiyunge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Niyo mpamvu Kiliziya Gatolika mu Rwanda yifuje gufata uyu mwanya ngo isubize amaso inyuma no kwerekana intambwe imaze guterwa muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge binyuze mu iyogezabutumwa ryayo. Ni koko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, ikadutwara inzirakarengane zisanga miliyoni, igatuma byinshi byangirika harimo cyane cyane ubumwe bw'abanyanrwanda, Kiliziya Gatolika yateye intambwe mu gufasha Leta kwimakaza gahunda y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge.

Mu by'ukuri, icyegeranyo cy'ubuhamya bugaragazwa n'abo ibikorwa byacu byagezeho, kigaragaza ko intambwe imaze guterwa mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda ishimishije n'ubwo inzira ikiri ndende. Ibi bigerwaho kubera ubwitange bw'abakangurambaga ba Komisiyo y'ubutabera n'amahoro muri Diyosezi, Paruwasi n'Imiryango Remezo, ndetse n'ubufatanye hagati ya Kiliziya n'inzego za Leta ndetse n'Imiryango y'abaterankunga,

Nyakubahwa Mushyitsi Mukuru, Banyakubahwa mwese muri hano.

Igihe tugezemo kirasaba koko gusubiza amaso inyuma tukazirikana aho twavuye, tukareba aho tugeze, bikaduha gufata ingamba nshya z'igihe kizaza.

Tuboneyeho umwanya wo gushimira gahunda nziza zatumye umurimo wacu nka Kiliziya ushoboka kandi utanga umusaruro nk'uko tubisabwa mu nyigisho mbonezamubano za Kiliziya. Aha twavuga nka programu ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Programu za Unity club, iz'Imbuto Foundation ndetse n'iz'Itorero ry'Igihugu dusangamo indangaciro z'abanyarwanda, z'ubumuntu n'ubupfura, kugira umutima, kwitanga, gushyira hamwe, koroherana, gutabarana n'ibindi.

Imyaka 25 y'urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge ni mike cyane iyo turebye uburemere bwa jenoside yatanyije abanyarwanda. Ariko na none iyo turebye aho tugeze, imbaraga n'ubushake byaturanze twemeza ko vuba tuzagera kuri byinshi.

Tuzakomeza duharanire ukuri, ubwitange, kuba urumuri mu bandi kuko nk'uko mubizi, Nyakubahwa Madamu Jeanette KAGAME, dufite ingero dufatiraho. Muri twe harimo Abarinzi b'Igihango, twita ku mpfubyi n'abapfakazi n'intwaza muri rusange n'izabitewe na Jenoside yakorewe Abatutsi by'umwihariko. Gahunda dufite zo kwita ku rubyiruko zirashimangira kwerekeza ku bwiyunge nyakuri bwo soko y'amajyambere nyayo kandi arambye.

Twongeye kubashimira, no kubifuriza kugira ibihe byiza muri kumwe natwe kandi tuboneyeho kubifuriza amahoro yo rufatiro rukomeye.

Imana ibahe umugisha.

**Musenyeri Antoine KAMBANDA**,
Arkiyepiskopi wa Kigali akaba n'Umuyobozi wa
Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu Nama y'Abepiskopi

# URUGENDO RW'UBUMWE N'UBWIYUNGE MURI KILIZIYA



*Ifoto 5: Abasabye imbabazi (abapfukamye) bari kumwe n'abatanze imbabazi(abahagaze)*

**Mu biganiro byatangiwe mu imurika ry'umurimo wa Kiliziya, ubutumwa bwatanzwe bugaragaza intambwe zinyuranye zanyuzwemo ngo u Rwanda rube rugeze ku ntambwe ruriho y'ubumwe n'ubwiyunge. Umusanzu wa Kiliziya wagaragariye cyane mu kiganiro cyatanzwe na Dr. M. Kamuzinzi umwalimu muri Kaminuza y'u Rwanda cyari gifite insanganyamatsiko igira iti « L'Eglise Catholique dans des activités de construction de la paix, de l'unité et de la réconciliation après le génocide perpétré contre les Tutsi au Rwanda en 1994. » Iyo ntambwe yayigaragaje mu bice bine bikurikira:**

## 1. Igihe cy'ibikorwa by'ubutabazi bw'ibanze: 1994-1997

- Muri iki gihe, abayobozi ba Kiliziya bibazaga aho bagomba guhera gahunda y'ubutumwa bw'ubumwe n'ubwiyunge mu gihe ibyari bikenewe mu gutabara Abanyarwanda byari byinshi, ibikomere batewe na Jenoside bikiri bibisi, urwikekwe rugaragara hose ndetse no mu ngo z'abihayimana. Cyari ikibazo gikomeye ku bapadiri n'abihayimana bakomeretse kubasha gufasha abandi bari mubibazo.

Muri iki gihe Kiliziya yagaragaye cyane mu bikorwa by'ubutabazi, mu nzego zayo zose. Caritas, ku buryo bw'umwihariko yagobotse abari basizwe iheruheru na jenoside, yita kubapfakazi n'impfubyi mu kubashakira amacumbi ndetse no gufasha impfubyi gusubira mu ishuri.

## 2. Igihe cya Sinodi « Gacaca Nkirisitu » hagati ya 1997 na 2000

- Mu rugendo rwo kwitegura Yubile y'impurirane y'imyaka 2000 y'ubukristu n'imyaka 100 Ivanjili igeze mu Rwanda, abepiskopi bifuje ko Kiliziya yo mu Rwanda ikora sinodi idasanzwe kugira ngo hasuzumwe uruhare rw'irondakoko mu gusenya umuryango nyarwanda, n'uruhare rw'abakirisitu muri ayo mahano.
- Hashyizweho inzego n'uburyo bw'imikorere ifasha gukora ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge ku buryo bugaragara. Hashyirwa imbaraga mu kubaka imiryango remezo. Hashyizweho abakangurambaga b'ubutabera n'amahoro mu madiyosezi yose, Kiliziya ishyiraho abapadiri n'ababikira bashinzwe ubutumwa bw'ubutabera n'amahoro by'umwihariko.
- Urugendo rw'ubutabera n'amahoro rwatangiye kumvikana neza muri Kiliziya, rudafatwa nka politiki ya Leta ko ahubwo ari kimwe mu bigize ubutumwa bw'abapadiri, ababikira, abafurere n'abakangurambaga b'ubutabera n'amahoro.
- Gusura abagororwa, kubakangurira kwemera icyaha, kwihana no gusaba imbabazi.

## 3. Nyuma ya Sinodi Gacaca Nkirisitu 2001-2005

Iki gihe cyaranzwe nishyirwa mu bikorwa rya Sinodi Gacaca Nkirisitu, ihamagarira abantu kuba umwe.

- Gushyiraho inzego za Komisiyo y'ubutabera n'amahoro muri diyoseze zose z'u Rwanda.
- Ibikorwa by'isanamitima n'isanamiryango (Guerison communautaire) binyuze mu mishinga itandukanye byariyongereye.
- Abakangurambaga b'isanamitima muri za paruwasi bashyizweho baranahugurwa bihagije.

## 4. Kiliziya mu gihe cy'Inkiko Gacaca - hagati ya 2006 na 2012

- Iki gihe cyaranzwe no kubona abantu batangira kuvugisha ukuri ku byabaye muri Jenoside cyane cyane batanga amakuru mu gihe cy'inkiko gacaca. Abihayimana basabwe gushishikariza abakristu kwitabira ibikorwa bya gacaca, habaho no guhugura abantu byimbitse kugira ngo basobanukirwe n'imikorere yayo.
- Kiliziya yagize uruhare rugaragara mu gukurikirana imirimo y'inkiko gacaca binyuze muri Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro. Ibi bikaba byaragiye bigira impinduka nziza, kuko hakurikijwe ubushakashatsi bwakozwe muri 2008 imibare y'amakimbirane yaragabanutse ku rugero rugaragara.

- Ikindi ni uko imibare y'abihayimana bashidikanyaga ku bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge wagiye ugabanuka, babigira kimwe mu nkingi y'ubutumwa bwabo n'ubwo hari aho byagiye biharirwa abakangurambaga b'ubutabera n'amahoro gusa.
- Aho komisiyo yashoboye guhuza abiciwe n'abishe mu gihe cya Jenoside bigizwemo uruhare n'umuryango wose, usanga ubwiyunge hagati y'iyo miryango yombi bwihuta.

## 5. Isanamitima n'ubwiyunge - hagati y'umwaka wa 2012 n'uwa 2019

- Iki gihe cyaranzwe n'ubufatanye bukomeye hagati ya Kiliziya Gatolika mu Rwanda na Leta y'u Rwanda mukubaka ubumwe n'ubudaheranwa bw'umuryango nyarwanda.
- Kwagura imikoranire n'abafatanyabikorwa mu bumwe n'ubwiyunge no mubikorwa by'iterambere.

# INAMA NYUNGURANA BITEKEREZO




*Ifoto 6: Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda.*

***Kuwa 29 Ugushyingo 2019 habayeho inama nyungurana-bitekerezo. Iyi nama yitabiriwe n'abashyitsi baturtse mu nzego nkuru z'igihugu barimo Nyakubahwa Jeannette Kagame, Madamu wa Perezida wa Repubulika, wari umushyitsi mukuru muri iki kiganiro. Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, abasaseridoti n'abiyeguriye Imana, abahagarariye imiryango itari iya Leta kimwe n'abakrisitu bahagarariye imiryango itandukanye ya agisiyo gatolika bo mu madiyosezi atandukanye ndetse n'abashyitsi bari baturutse muri Kenya no mu Burundi.***

## 1. Ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda:

- *Excellence, Madame Jeannette Kagame, Première Dame du Rwanda, et invitée d'honneur pour cette Conférence,*
- *Excellences, mes confrères dans l'Épiscopat,*
- *Distingués Représentants de l'autorité politique et civile,*
- *Excellences, Représentants d'autres confessions religieuses,*
- *Chers prêtres, religieux et religieuses,*
- *Mesdames et Messieurs,*

**Kristu Yezu akuzwe !**

Je tiens à remercier sincèrement Son Excellence Mgr. Antoine Kambanda, Archevêque de Kigali et Président de la Commission épiscopale de Justice et Paix, pour l'aimable invitation qu'il m'a adressée de participer à cette Conférence à l'occasion de la 25ème commémoration du génocide perpétré contre les Tutsis au Rwanda en 1994.

Déjà 25 années se sont passées depuis ces moments terriblement affreux qu'a vécus le Rwanda suite à la haine semée par l'idéologie génocidaire et inhumaine qui a dévasté la société rwandaise et dont nous ressentons encore aujourd'hui les conséquences qui ont entraîné toutes sortes de blessures physiques et psychologiques dont il est difficile de guérir.

Comme j'en faisais mention au cours de la Messe chrismale du Jeudi Saint de cette année dans la Cathédrale de Kigali: « Cette idéologie du mal a aussi infecté certains prêtres, religieux et religieuses et d'autres membres de l'Église qui ont trahi leurs promesses religieuses et sacerdotales, ainsi que toutes les valeurs chrétiennes, trahissant par conséquent, et gravement endommageant l'Église même du Christ ainsi que nous tous qui en sommes membres ». Le Pape François en a parlé lui aussi lors de sa rencontre au Vatican avec le Président Paul Kagame en mars 2017. « *Ils ont succombé, disait-il, à la haine et à la violence, trahissant leur mission évangélique* et, en conséquence, *ils ont défiguré le visage de l'Église ».*

Je voudrais ici vous rappeler les mots du Pape Saint Jean-Paul II adressés au nouvel Ambassadeur de la République rwandaise près le Saint-Siège, dans son discours du 12 décembre 1996, (quatre-vingt-seize) jour de la présentation des lettres de créance : « Dans votre allocution, Monsieur l'Ambassadeur, vous avez voulu évoquer le génocide qu'a connu votre pays, il y a deux ans. Je me suis prononcé de nombreuses fois, depuis ces dramatiques événements, pour encourager chacun à chercher les voies d'une véritable réconciliation dans le dialogue et dans le respect de la justice. Je me réjouis de tous les efforts qui sont faits aujourd'hui dans cette perspective. C'est une urgente nécessité pour tous les Rwandais de faire disparaître le ressentiment de leur cœur et de chercher ensemble à reconstruire une communauté nationale où chacun trouvera sa place et pourra vivre dans le respect mutuel. Pour cela, un climat de confiance réciproque et de solidarité devra être restauré entre tous les fils et toutes les filles de la nation rwandaise ». « Tous les membres de l'Église qui ont péché durant le génocide et (…) qui ont agi contre la loi évangélique ; ils seront appelés à rendre compte de leurs actes. Ils doivent avoir le courage de supporter les conséquences des faits qu'ils ont commis contre Dieu et contre leur prochain ».

L'Église catholique, trahie et blessée profondément dans le cœur de certains de ses enfants, comme vous le savez bien, s'est toujours opposée et continue de se battre contre ce genre de comportement destructif et inhumain.

Comme vous le savez bien, précisément hier, l'Église catholique au Rwanda a célébré le 38e anniversaire de la première apparition de la *"Nyina wa Jambo",* au Sanctuaire de Notre-Dame de Kibeho et dans tout le pays des Mille Collines. Et ces jours-ci, nous nous rappelons particulièrement que son message reste toujours d'actualité, non seulement pour les Rwandais, mais pour le monde entier. **Pour pouvoir vraiment pardonner et ouvrir la voie vers une authentique réconciliation, nous ne devons jamais oublier les paroles vivantes de la Mère du Verbe :**

***« La foi et l'incroyance viendront ensemble sans que l'on s'en aperçoive ». « Suivez l'évangile de mon Fils. N'oubliez pas que Dieu est plus puissant que tout le mal dans ce monde. Partagez. Ne tuez pas. Ne persécutez pas. Respectez les droits de l'Homme parce que si vous allez à l'encontre des ces droits, vous allez échouer et ça va se retourner contre vous. »***

Aujourd'hui, justement en fin de cette année de la 25ème commémoration du génocide perpétré contre les Tutsis au Rwanda en 1994, prenant à cœur les paroles prophétiques de la Mère du Verbe, nous devons faire un examen de conscience profond et sincère et nous demander ce que nous avons pu réaliser dans notre vie au cours de ces 25 ans après la tragédie du génocide.

Comme l'ont écrit nos évêques dans le message pour l'année spéciale de la réconciliation au Rwanda et intitulé, “Le Christ est notre unité” (cf. Jn 17, 21), et adressé à tous les fidèles catholiques et aux gens de bonne volonté du notre pays : « Il est très important de porter un regard rétrospectif sur notre passé, pour évaluer ce que nous avons pu réaliser dans le processus de la réconciliation, dans l'effort de construire une société où règne l'amour de Dieu et du prochain.

Pour avancer vers cette réconciliation, il faut que ceux qui ont commis des crimes soient aidés à demander pardon et les victimes encouragées à pardonner. Dans le cadre de mieux approfondir le processus de réconciliation des Rwandais durant cette année, **nous avons besoin de la vérité, d'un changement de mentalité tout en évitant de nous enfermer dans notre propre histoire et en cultivant la compassion dans nos cœurs ».**

A ces paroles des évêques, j'ajouterais encore celles très sages qu'a exprimées la *Première Dame du Rwanda*, Mme Kagame, au cours de la dernière rencontre du *Rwanda Leaders Fellowship organization* : « *Une vraie **réconciliation ne consiste pas seulement en une repentance et un pardon**. En effet une vraie réconciliation est celle qui renforce la cohésion de la communauté et qui lui permet d'atteindre le développement durable ».* On peut dire qu'une véritable réconciliation ne se réfère pas seulement au passé tragique mai cherche de voir un avenir et cherche un avenir toujours meilleur que les Rwandais doivent construire ensemble.

En effet, le pardon offert par les victimes et par la société profondément blessée et le repentir d'un agresseur et d'un génocidaire sont à peine des premiers pas vers une vraie réconciliation envers tous les membres de la communauté (l'État, l'Église, les diverses confessions religieuses, ainsi que les organismes civils et tous les citoyens) et elle s'étend encore pratiquement aux futures générations.

Mais, pour pouvoir commencer la réconciliation, il faut savoir pardonner, il faut aussi purifier la mémoire et pour cela nous avons besoin d'un vrai réveil moral comme dit le Pape François, « Nous devons donc choisir le chemin qui peut susciter un espoir concret pour la réconciliation. Le chemin de l'accueil et de l'acceptation de ceux qui n'agissent pas et ne pensent pas comme nous, autrement la vie intérieure de l'homme se ferme sur ses propres intérêts, et il ne reste plus de place ni pour les autres ni pour Dieu ».

Chers amis, que le Christ, Roi de l'univers, patron du Rwanda, par l'intercession de la Vierge de Kibeho, nous donne de faire fructifier le temps de paix et de développement dans lequel nous vivons aujourd'hui au Rwanda, qu'il nous pardonne le temps perdu et qu'il nous conduise au pardon, à la paix et à la réconciliation.

Je souhaite que vous soyez d'authentiques porteurs de paix et de réconciliation pour la société rwandaise et pour le monde entier.

Que le Seigneur, Lui, notre chemin, la vérité et la vie, par l'intercession de la Mère du Verbe « *Nyina wa Jambo* », protectrice du Rwanda et de l'Afrique, vous bénisse et vous accompagne toujours !

Merci pour votre aimable attention !




*Ifoto 8: Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Madamu wa Perezida wa Repubulika.*

## 2. Ijambo rya Nyakubahwa JEANNETTE KAGAME, Madamu wa Perezida wa Repubulika

**Nyakubwaha Madame JEANNETTE KAGAME**, umufasha wa Perezida wa Repubulika wari umushyitsi mukuru muri iri huriro yagize ati:

- **Ba Nyakubahwa Basenyeli ba Kiliziya Gatolika**,
- **Nyakubahwa Intumwa ya Papa mu Rwanda**,
- **Bayobozi mu nzego z'Igihugu zitandukanye**,
- **Members of the Diplomatic Corps and Representatives of International Organisations**,
- **Bafatanyabikorwa muri hano**,
- **Batumirwa turi kumwe uyu munsi**,
- **Distingués Invités**,

Mwaramutse Neza!

Nagira ngo mbashimire ubutumire mwampaye, bwo kwifatanya namwe muri ibi biganiro, ku "Uruhare rwa Kiliziya Gatolika, mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, nyuma y'imyaka 25 habaye Jenoside yakorewe Abatutsi".

Nkimara kubona ubu butumire, nibajije icyo umuntu abwira umuryango mugali w'Abiyeguriye Imana nkamwe, bakabigira umuhamagaro, bakaniyemeza gufata urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge.

Hanyuma nsanga igisobanuro, ari uko nk'uko mwabitojwe, mwashatse ko uru rugendo mwarujyanamo n'intama mushinzwe kuyobora. Ibibazo nibazaga byose byahise binyorohera, mbibonera ibisobanuro.

Ni mu gihe, kandi birumvikana, kuko twese abiyemeje kwita ku buzima bw'abantu ("Serving Leaders"), yaba Abihaye Imana cyangwa Abayobozi mu nzego zitandukanye, abo dufite mu nshingano twese; ni bamwe!

Bakiristu,

Bashumba ba Kiliziya Gatolika,

Bashyitsi mwese muri hano Umwalimu witwa Prof. Dr. E.A.J.G. Van Der Borght, mu nyandiko ye yise "Religions and reconciliation of conflicting sociocultural identities"1, agaragaza ko kugira ngo Kiriziya ifite uruhare rufatika mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, iba itagomba gushingira gusa ku nyigisho zisanzwe z'iyobokamana. Ahubwo ikongeraho kumva neza ibibazo byihariye by'imibanire n'imibereho y'abantu. Akomeza agaragaza ko ahantu hagiye haba amakimbirane, ivangura ndetse na Jenoside, Kiliziya yifashishije ibintu by'ingenzi bikurikira:

- **Rediscovering reconciliation practices** - Kongera gusuzuma urugendo rw'ubwiyunge
- **Becoming more critical of our own historical record**- Gutinyuka kwinenga
- **Develop a theology that pays proper attention to sociocultural identities**- Kubaka imyumvire n'inyigisho zihamye zo kwita ku mibereho n'imibanire myiza y'abantu.

Nagira ngo mumfashe dushimire Kiliziya ko yatekereje gushyiraho urubuga nk'uru rwo kuganira no gusuzuma ingaruka zatewe n'amahano ya Jenoside yatugwiririye. Ibiganiro nk'ibi rero bidufasha kuzirikana nk'Abanyarwanda. amahitamo akomeye twakoze Munyemerere kandi twihanganishe Kiliziya Gatolika kuko nayo yabuze Abihayimana n'Abakirisitu benshi.

Kiliziya kandi yagize n'ibyago, byo kugira abayoboke babibye ingengabitekerezo ya Jenoside igihe kirekire, no gukora icyaha cya Jenoside. Biri mu nshingano zacu twese, gukomeza kwigisha no gufasha abakomoka mu miryango yabo, ndetse n'Abanyarwanda muri rusange, kugendera kure uwo murage mubi. Ntitwakwirengagiza kandi ko Kiliziya yagize n'Intwari: abavukijwe ubuzima bwabo, kuko batsimbaraye ku gihango cy'Ubunyarwanda, Igihango cy'Ubumuntu, no kumenya guhitamo icyiza.

Ku bazi gahunda y'ishimwe rigenerwa ibyiciro by'Intwari z'Igihugu n'Abarinzi b'Igihango, muzi ko muri abo harimo Abasenyeli, Abapadiri b'Abanyarwanda n' Abanyamahanga, Ababikira ndetse n'Abalayiki.

Abo bose bazahora ari urugero rwiza rw'ababyiruka b'u Rwanda, nkuko tuzirikana Abatagatifu bose n'abandi babaye urugero rwiza mu buzima bwa Kiliziya kuva yabaho.

Batumirwa turi kumwe uyu munsi, Igihe Abanyarwanda bari bamaze kubona amahoro, kongera kubaka umutima w'Ubunyarwanda byasabaga imbaraga, ubushishozi, ubufatanye no kureba kure.

Ibi rero ntabwo ari umuntu umwe wari kubyishoboza, niyo mpamvu Leta yashyizeho ingamba, inatangiza gahunda zigamije kunga Abanyarwanda, ifatanyije n'imiryango itandukanye, harimo n'Imiryango y'Abihaye Imana. Iyo turebye muri Bibiliya mu bitabo by'Isezerano rya Kera ndetse n'Isezerano Rishya, usanga ijambo 'Ubwiyunge' rigenda rigaragara ahantu henshi. Ijambo ry'Imana ryibutsa buri muntu kwiyunga nawe ubwe, bikamufasha kwiyunga n'abandi, akabona kwiyunga n'Imana koko.

Nk'uko tubisanga mu Bakorinto ba 2, 5:18, utubwira ko byose biva ku Mana yo yatwiyegereje ikatubabarira muri Kristu, natwe ikadushinga umurimo wo kunga abantu, nayo. Ibi bitwibutsa ko ibyo dukora byose nk'igihugu, muri uru rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, tugendera no mu murongo Imana ishaka.

Nyuma ya Jenoside twari dufite ibibazo bikomeye, byihariye kandi usanga ikibazo cyose kihutirwa. Gukemura ibyo bibazo, mu muryango ukomeretse, udafite umutekano uhagije, nta n'icyizere mu bantu, byari kugorana! Byari ngombwa rero ko twimakaza gahunda y'Ubumwe n'Ubwiyunge, no gushyira imbere Ubunyarwanda nk'icyomoro cy'amateka yadukomerekeje, ikaba n'igihango dusangiye mu kubaka u Rwanda rutazima. Turashimira Kiliziya Gatolika, kuba yaragendanye na Leta, ikagira uruhare mu gufasha Abanyarwanda muri rusange n'abayoboke bayo by'umwihariko, mu rugendo rw'Ubumwe n'Ubwiyunge

Ibimaze gukorwa ni byinshi kandi ni byiza ariko urugendo ruracyari rurerure. Dukomeze ibiganiro byiza dusanganywe mu miryango remezo, bidufasha kwimakaza ubutabera bwunga, no gusakaza umuco w'amahoro. Hari gahunda n'ubundi musanzwe mugiramo uruhare, nkaba nifuza kubasaba kuza kuganira uko hakongerwamo imbaraga:

- **Kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, ubutabera n'amahoro**: Dukwiye gukomeza gushyira imbaraga, mu rugendo rwo gusaba imbabazi, guhindura imyumvire, guhinduka no kubaka u Rwanda. Urugendo rwo kubabarira narwo rugakurikiraho, kuko bituma uwakorewe icyaha abohoka, cyane cyane ko aba agomba kubaho. Kandi kubaho abohotse nibyo bimufasha kurushaho- "The power of Forgiveness". Byombi bikadufasha komora uwahemukiwe n'uwahemutse.
- **Guhangana n'ihungabana:** Haracyagaragara ihungabana mu byiciro bitandukanye. Birakwiye kongera imbaraga mu bikorwa byo kuvura ibikomere, duhuje imbaraga z'amaboko n'iz'umutima.
- **Kuzamura ireme ry'uburere, cyane cyane twita kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato:** Iyi gahunda twabonye ko ishobora gushyirwa mu bikorwa kandi ikarema umuntu wuzuye. Dukoreshe rero ahantu dufite (ibyumba - spaces) n'ubushobozi twifitemo, Abakirisitu bayitabire kurushaho, bityo tuzaba dutanze umusanzu ukomeye mu kubaka umuryango w'uyu munsi n' uw'ejo.
- **Kuzamura ireme ry'uburezi**: Nta wakwirengagiza uruhare rwa Kiliziya mu kuzamura ireme ry'uburezi, ndetse n'imikorere myiza y'amashuri ayobowe n'Abihaye Imana. Nubwo ibyo dushima ari byinshi, dukomeze kwigira ku byiza twagezeho, dukore ibyiza birushijeho.

Batumirwa turi kumwe uyu munsi, Distingués Invités,

Permettez-moi de revenir sur la grâce que nous avons, d'avoir la Bible comme notre plus grande référence. La Bible - ce livre précieux qui contient les plus belles des leçons, qu'aucun autre livre ne pourra jamais nous apprendre et dont l'une des plus grandes, est l'amour comme il a été écrit dans les évangiles.

Nous avons aussi le privilège de prendre pour exemple Jésus Christ, le seul et unique 'modèle' de tous les chrétiens. Dans nos faits et actes, nous devrions être guidés par son amour immense et sa compassion.

Car, c'est ce même amour qui pardonne nos erreurs et qui nous rapproche de Dieu, dans nos moments de faiblesse. Ne cessons jamais de suivre l'exemple de Jésus, lui qui a été rejeté et méprisé par les siens, mais qui a su promouvoir l'Union, l'Unité et la Réconciliation. Imitons-le chaque jour, honorons ce pacte précieux qu'est la vie, et rappelons-nous aussi que le vrai art de la vie, est celui de vivre en harmonie.

Bakirisitu mwese,

Bashumba ba Kiliziya Gatolika,

Mufite amahirwe y'ikirenga, kuko mufite Yezu ubwe. Muzakomeze muzirikane uko yitanze atitangiriye itama, ngo yunge abantu n'Imana, iyo bava bakagera. Icyo tubifuriza ni ukudacogora, mu kumwiga ingiro n'ingendo no gukomeza gusangira isano isumba iy'amaraso. Kuko n'ubundi, Kiliziya irenze kure amoko n'irindi vangura iryo ari ryo ryose ryose. Ahubwo kiriziya ishinzwe roho, ishinzwe ubwoko bw'Imana aribwo kiremwamuntu, kandi nta vangura. Mbifurije gukomeza kuba Abarobyi b'Abantu n'Abagabuzi b'Amahoro, mwibuka kandi mutwigisha ko kubaho ari ukubana.

Mugire amahoro,

Murakoze!

# INCAMAKE KURI BAMWE MU BATANZE IBIGANIRO



**Padiri Vincent GASANA**

Padiri Vincent GASANA yabaye Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu gihe cy'imyaka 15. Yasobanuye muri rusange uburyo bwakoreshejwe na Kiliziya mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge.





**Padiri JMV TWAGIRAYEZU**

Padiri JMV Twagirayezu Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda, yagarutse ku ruhare rwa Kiliziya mu gufasha abagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse no kubafasha gusubira mu buzima busanzwe mu ngeri zitandukanye (amashuri, imiturire, ubuzima...)




**Francine ZIMULINDA**

Francine ZIMULINDA yari ahagarariye urubyiruko Gatolika.Yavuze uko urubyiruko rukwiye kwitwara mu gutegura ejo hazaza hazira amakimbirane n'urugomo.



**Padiri Ubald RUGIRANGONGA**

Padiri Ubald RUGIRANGOGA ni Umusasedoti w Diyosezi ya Cyangugu akaba yaragize uruhare runini mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'isanamitima mu Rwanda.



**Dr MASENGESHO KAMUZINZI**

Dr MASENGESHO KAMUZINZI, Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda akaba n'Umushakashatsi.



**Mgr Celestin HAKIZIMANA**

Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro akaba n'Umurinzi w'igihango, yamenyekanye cyane kubera ubutwari n'ubunyangamugayo yagize mu gihe cya Jenoside muri Paruwasi yitiriwe Umuryango Mutagatifu/Kigali.

# IKIGANIRO MPAKA




*Ifoto 9: Ikiganiro-mpaka.*

Mu kiganiro mpaka, Musenyeri Celestin Hakizimana, nk'umushumba akaba n'umurinzi w'igihango, yatanze ubuhamya bwe ashingiye ku magambo ya Yezu agira ati **"Umushumba nyawe ni uwitangira intama ze".** Yibanze ku bikorwa byúbwitange abahigwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, akibutsa ko ari inshingano kubungabunga ubuzima bw'umuntu cyane cyane uri mu kaga**.**

Bwana Fidele Ndayisaba, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yagize ati: muri iki gihe « **u Rwanda rurarese** »**.** Nyuma y'akaga gakomeye k'igihe kirekire cyaje gusozwa na Jenoside yakorewe Abatutsi, abantu bibazaga niba Abanyarwanda bashobora kubana mu mahoro. Muri iki gihe igihugu gifite ihumure rihamye. Umutekano ku nkiko z'igihugu urasagambye. Mu rwego rw'Ubutabera, nyuma y'imyaka 10 gusa, u Rwanda, rubinyujije mu Nkiko Gacaca n'izindi nzego z'ubutabera rwashoboye gucira imanza abantu bagera kuri 1,958,000 mu gihe ICTR itari yagaciriye imanza abantu batarenga 100 muri 2006. Zimwe mu mbogamizi zikiriho ni uko umugera w'ingengabitekerezo ugihari, hakaba hanakiri abagororwa bagifunzwe, bahamwe n'icyaha ariko bakaba bakinangiye badashaka guhinduka. Ntibemera ko bakoze Jenoside kandi ntibumva ko bakoze nabi.

Padiri Ubald Rugirangoga yabwiye abari mu kiganiro ko ibintu bitatu bifasha mu gukiza ibikomere ari:

- **Gutega amatwi (active listening)**
- **Gutanga imbabazi no gusaba imbabazi (pardon)**
- **Kugira impuhwe.**

Padiri Ubald avuga ko ibyo yabyifashishije mu butumwa bwe, cyane cyane muri Paruwasi ya Mushaka muri Diyosezi ya Cyangugu kandi bigatanga imbuto nziza z'ubwiyunge, aho abakoze

cyaha cya Jenoside basaba imbabazi abo bagikoreye nabo bakababababarira, maze bakaba babanye mu mahoro.

Francine Zimulinda mu izina ry'urubyiruko, ahamya ko urubyiruko ari imbaraga n’amizero y’ejo hazaza. Bityo bikaba ari ngombwa kudaterera agati mu ryinyo ngo bari mu gihugu cy’amahoro. Yagaragaje ko ari ngombwa kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside ababyeyi bamwe bagenda bacengeza mu bana babo, bityo binyujijwe mu mahuriro y’urubyiruko yizera ko urubyiruko ruzakira. Asanga kandi urubyiruko rudakwiye gukomeza kubaho rumeze nk’urushaka guhunga amateka yaranze gihugu cy’u Rwanda bumva ko bitabareba.

Uwo munsi wasojwe n'Igitambo cya Misa cyo gushimira Imana cyitabiriwe n’abakirisitu n’abapadiri batandukanye bo muri Arikidiyosezi ya Kigali, kimwe n’abashyitsi baturutse hirya no hino mu Rwanda, Burundi na Kenya. Yabereye muri Paruwasi yitiriwe Umuryango Mutagatifu i Kigali.







# URUGENDO KU RWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA GISOZI




*Ifoto 10: Urwibutso rwa Jenoside rwa Gisozi*

Ku wa 30 Ugushyingo 2019, abitabiriye ihuriro ndetse n'ábandi bakritsu Gatolika bakoze urugendo berekeza ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali kugira ngo bunamire inzirakarengane ziharuhukiye.

Ubutumwa bwatanzwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Antoine Kambanda, bwagarutse ku gaciro k'umuntu imbere y'Imana:

«Imana yamuremye mu ishusho yayo ariko kandi by'akarusho Yezu Kristu Umwana w'Imana yigize umuntu avuka mu bantu agira umubiri nk'uwacu ndetse yemera umuruho wa muntu n'urupfu. Umuntu yanywanye n'Imana, ni yo mpamvu umuntu ari isakaramentu rikomeye. Yifitemo ishusho y'Imana, bityo tukaba duha umuntu agaciro gakomeye uko ari kose. Bikaba bibabaza cyane iyo umuntu ateshejwe agaciro n'icyubahiro kimukwiye. Ibyo Nyagasani Yezu yarabitweretse ubwo abambari ba Sekibi bashatse kumusuzugura, kumuhindanya bamwica rumwe n'abajura. Urupfu yemeye kurunyuramo ari ukugira ngo atugaragarize agaciro k'umuntu. Umuntu rero uko ari kose, agaciro Imana imuha ni ko twubaha.

Ni yo mpamvu dushimira Imana kuba tubonye akanya nkaka ngaka kuri aba babyeyi, inshuti n'abavandimwe bashoboye kuboneka bagahabwa icyubahiro bakwiye bagashyingurwa mu cyubahiro n'ubumuntu igihe bicwaga bari bakikijwe n'inabi, n'urwango; kubibuka tuba duhesha Imana icyubahiro.".

Umuhango wasojwe no gusura ibice bitandukanye bigize Urwibutso.

# IMYAKA 25 Y'IMPINDUKA NZIZA INZITIZI N'UBUHAMYA




Mu myaka 25 ishize, Kiliziya Gatolika yanyuze mu bihe bikomeye mu butumwa bwayo bwo kunga no kubanisha Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Hari abashidikanyaga ku bushobozi bw'Ivanjili ya Yezu Kristu, bavuga ko ubukristu bwatsinzwe. Nyamara, nubwo hari izo mbogamizi, Kiliziya ntiyacogoye, yahisemo kuba urumuri mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge, kandi ubu irishimira impinduka zabaye.

**Ibyagezweho mu rugendo rw'ubwiyunge:**

- **Guhuza abantu babaruwe mu Nkiko Gacaca**

Gacaca yabaye inzira y'ubutabera bwunga, ihuza abantu bari bafite amateka ashaririye, abacitse ku icumu, abari barafunzwe, abatangabuhamya ndetse n'inyangamugayo. Kiliziya yatanze umusanzu wayo mu gutanga inyigisho zubaka, ishishikariza abakristu guhamya ukuri mu Nkiko Gaaa, igafasha abantu kwibumbira mu matsinda y'iterambere nk'ibimina, aho abantu bigiragamo gukorera hamwe no kwiyubaka.

- **Abapadiri barushijeho kugira uruhare mu bwiyunge**

Mu ntangiriro, bamwe mu basaserdoti bagiraga impungenge ku ruhare rwa Kiliziya muri ibi bikorwa, bakabona ko ari ibya politiki. Ariko uko imyaka yagiye ishira, benshi barahagurutse, baritabira, ndetse ubu muri diyosezi zose hari abapadiri bashinzwe Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro. Barayikunda kuko basanze ifasha mu gukiza ibikomere by'imitima.

- **Ubwitabire bw'abakirisitu mu bikorwa by'ubwiyunge**

Abakirisitu nabo ntibasigaye inyuma. Babifashijwemo n'abashumba babo, bitabiriye gahunda z'ubwiyunge ku buryo usanga mu matsinda anyuranye basangira ubuzima, bagasabana, bagakora ibikorwa bibahuza.

Mu gihe cy'Inkiko Gacaca, Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro yagize uruhare mu migendekere myiza yazo kuko yashyizeho indorerezi mu bice bitandukanye by'igihugu. Twibutse ko Abepiskopi batanze ubutumwa bushishikariza abakristu kwitabira Inkiko Gacaca no guharanira ukuri muri byose.

- **Komisiyo z'Ubutabera n'Amahoro zashimangiye ubumwe**

Mu rwego rwo gukomeza kubaka amahoro arambye, Kiliziya yashyize imbaraga mu mikorere ya Komisiyo z'Ubutabera n'Amahoro, zigira uruhare rukomeye mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge nk'imwe mu nzira zo guteza imbere igihugu.

- **Ubufatanye buhamye mu rugendo rugana imbere**

Kiliziya ntabwo yageze aha yonyine. Hamwe n'abafatanyabikorwa baturutse mu nzego zinyuranye, yakomeje gushyigikira urugendo rw'ukwishakamo ibisubizo n'iterambere rusange ry'igihugu. "Umuhate uhoraho" ni ijambo riyiranga kuko urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge rutajya ruhagarara, ahubwo rukomeza guhindura ubuzima bwa benshi. Muri ubwo bufatanye tubonamo ubuyobozi bwite bwa Leta y'u Rwanda ndetse n'Imiryango nterankunga itandukanye.

**Inzitizi mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge**

Muri iyi myaka 25 nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, urugendo ruganisha ku bumwe n'ubwiyunge ntirwari rworoshye, ariko rwatumye umuryango nyarwanda wiyubaka kandi ugira imbaraga mu budaheranwa.

- Ubusharire bw'amateka y'igihugu yari akiremereye benshi, abato n'abakuru;
- Ibikomere mu mitima y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi byari bikiri byose kandi bigoye;
- Gusaba imbabazi no gutanga imbabazi kuri bamwe mu bakoze n'abakorewe icyaha cya Jenoside byari umutwaro uremereye;
- Ubukana bw'ingengabitekerezo ya Jenoside n'imvugo z'urwango byakomeje kuzenguruka mu gihugu no muri aka Karere k'Ibiyaga Bigari muri iyi myaka.
- Hagiye habaho uburyo bwo gukora butandukanye (approaches) mu butumwa bwo kunga abantu bitewe n'ahantu cyangwa ingabire yihariye; ntihagaragare umurongo rusange uhuriweho n'abasaserdoti n'abiyeguriyimana muri ubu butumwa muri Kiliziya.

# UBUMWE N'UBWIYUNGE ICYEREKEZO CY'AHAZAZA




*Figure 12: Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda*

## Ibyagezweho ni impano ishimishije.

Mu myaka 25 ishize, Kiliziya Gatolika yagaragaje uruhare rukomeye mu gufasha Abanyarwanda kugera ku bumwe n'ubwiyunge. Nubwo urugendo rutari rworoshye, hari intambwe ishimishije yatewe, harimo:

- Guhuza abantu banyuranye barebwaga n'Inkiko Gacaca, harimo inyangamugayo, abatangabuhamya, abacitse ku icumu, abafunguwe n'iteka rya Perezida, n'imiryango yabo.
- Abapadiri basigaye bafite uruhare rugaragara mu bikorwa by'ubutabera n'amahoro, bigizwemo uruhare na komisiyo zabigenewe.
- Abakirisitu bitabiriye gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge binyuze mu bufatanye, amatsinda, n'uburyo babanye hadashingiwe ku mateka yabaye.
- Abanyarwanda bagiriye icyizere Kiliziya binyuze mu mikorere y'Inkiko Gacaca, aho Kiliziya yagize uruhare nk'indorerezi, bigafasha kugabanya impungenge.
- Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro yongereye imbaraga mu kwimakaza amahoro n'ubwiyunge, ishyira imbere iterambere ry'igihugu.
- Binyuze mu bufatanye buhoraho n'abafatanyabikorwa batandukanye, Kiliziya ikomeje kugira uruhare mu nzira igana ku bumwe n'ubwiyunge bwimbitse, bukomeza kuvugururwa.

Icyakora, hari ibibazo bishya bigenda bigaragara bijyanye nk'ihungabana rikibangamiye bamwe, ibibazo byo gusubiza mu buzima busanzwe abagororwa barangije ibihano, gutanga amakuru y'impimbano mu itangazamakuru, n'uburyo urubyiruko rwinshi rutaramenya amateka nyayo y'u Rwanda.

Kiliziya Gatolika rero isabwa gukomeza gukorana n'abaturage n'inzego zose kugira ngo ibyiza byagezweho bidacumbagira, ahubwo birusheho kwaguka no gufasha Abanyarwanda gukomeza inzira yo kwiyubaka.

### Ibyifuzo by'ubufatanye mu gihe kizaza

### A. Abakristu basabwe:

- Gushyira imbere ibikorwa byunga Abanyarwanda, harimo no gusangiza ubuhamya mu yandi maparuwasi.
- Gufasha mu gushakisha imibiri y'abazize Jenoside itaraboneka kugira ngo bashyingurwe mu cyubahiro.
- Gukomeza ibiganiro mu miryango remezo bigamije kwimakaza ubutabera bwunga n'umuco w'amahoro.
- Gushyira imbere imbabazi no kubabarira kugira ngo ukwiyunga kuzabe impamo kuri bose.
- Gukomeza ubufatanye mu gukemura ihungabana n'ibikomere byo ku mutima no ku mubiri.
- Gushyira imbere ibiganiro bitanga umuti ku makimbirane yo mu miryango n'ahandi.


### B. Abayobozi ba Kiliziya basabwe:

- Gutoza urubyiruko umuco wo gukunda Imana, kubaha abantu, no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.
- Kwimakaza ukuri, ubutabera, n'amahoro mu Rwanda.
- Gukomeza guhuza inyigisho za Kiliziya n'ibihe Abanyarwanda baba barimo.
- Gukomeza gushishikariza abakirisitu gusaba imbabazi no kuzitanga.
- Kunoza imikoranire n'inzego zose kugira ngo Kiliziya itange umusanzu uhamye mu burezi, iterambere, no kubaka umuryango ufite indangagaciro.

Kiliziya Gatolika rero isabwa gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa byayo byo kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, kuko urugendo rugikomeje. Umuhate w'imyaka 25 ishize ni intangiriro y'urugendo rurerure rugana ku Rwanda ruzira amacakubiri, rwubakiye ku kuri, ubutabera, urukundo n'amahoro arambye.







## **GUSHIMIRA** (Padiri Valens NIRAGIRE, Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro)

- **Nyiricyubahiro Musenyeri Antoine Kambanda**, Arkiyepiskopi wa Kigali mukaba na Prezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro,
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Philippe RUKAMBA,** Umushumba wa Diyosezi ya Butare mukaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda,
- **Ba Nyiricyubahiro Bepiskopi,**
- **Abbé Charles Karorero,** Secrétaire Exécutif de la Commission Episcopale Justice et Paix au Burundi,
- **Nyakubahwa Munyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge,**
- **Basaserdoti, Biyeguriyimana, Bakristu bavandimwe,**

**Yezu Kristu akuzwe!**

"*Nihasingizwe Imana Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, yo yadusesekajemo imigisha y'amoko yose ituruka kuri Roho, mu ijuru, ku bwa Kristu*" (Ef 1, 3).

Nyuma y'imyaka 25 y'urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ibinyujije muri Komisiyo yayo y'Ubutabera n'Amahoro, yifuje gusubiza amaso inyuma ngo isuzume intambwe imaze guterwa muri iyi gahunda binyuze mu butumwa bwayo. Ibiganiro byabaye kuwa gatanu tariki ya 29 Ugushyingo 2019, mu cyumba cy'inama cya Hotel Sainte Famille byagaragaje ko urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda, binyuze mu bikorwa bya Kiliziya Gatolika rugeze ku ntera ishimishije cyane n'ubwo urwo rugendo rugikomeza.

Ibyo biganiro byitabiriwe n'abantu b'ingeri zitandukanye, barimo abayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu, imiryango nterankunga, Abashumba bacu, abasaserdoti n'abiyeguriyimana, urubyiruko, abahagarariye Diyosezi zose, n'abahagarariye amadini atandukanye. Umushyitsi mukuru Madame Jeannette Kagame witabiriye ibyo biganiro, yashimiye Kiliziya Gatolika yakomeje kuba hafi abanyarwanda muri uru rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, kandi adusaba gukomeza kuba abagabuzi b'amahoro.

Nyiricyubahiro Musenyeri Arkiyepiskopi wa Kigali akaba na Prezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, yagereranyije urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge nk'umuntu uzamuka umusozi muremure, yagera hagati agakebuka inyuma ngo arebe inzira y'inzitane amaze gusohokamo, maze akubura amaso akareba urundi rugendo asigaje.

Ejo ku wa gatandatu, twakoze urugendo tugana ku Rwibutso rwa Kigali ruri ku Gisozi tugira ngo twunamire abacu bahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi. Ni icyubahiro tubagomba kandi tuzahora tubagaragariza.

Bakristu bavandimwe, urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge ni rurerure, ndetse ntabwo rurangira. Tugomba guhora twiyunga n'umutima wacu, n'amateka yacu n'abavandimwe bacu, kugira ngo tubonereho no kwiyunga n'Imana yaturemye twese idukunze.

Imyaka 25 iri imbere, ni ikivi duteruye, twese abakuru n'abato, kugira ngo ejo hazabe heza kurusha aho tuvuye. Turifuza gufasha urubyiruko rwacu gukurana imico myiza bakomora ku ndangagaciro z'Ivanjili, aho ubuzima bw'umuntu bwubahwa na buri wese. Turatekereza kandi gufasha abakangurambaga bacu kwigiramo ubushobozi bwo gusesengura no gukemura amakimbirane mu bantu cyane cyane mu ngo.

Ba Nyiricyubahiro Bashumba bacu, turashimira uburyo, muri iyi myaka 25, mwakomeje umuryango nyarwanda n'abakristu by'umwihariko gukura mu myumvire, mubinyujije mu nyandiko za gishumba mwagiye mutwandikira. Mwadufashije kuva mu rupfu tugana ubuzima. Mwatweretse ko imbabazi zisabwe kandi zakiriwe ari umuti womora, ugaca inzigo n'inzika mu bantu. Mwakomeje kugendana n'imbaga y'Imana muri uru rugendo rutari rworoshye. Nyagasani abakomereze imbaraga.

Turifuza gushimira Inzego zitandukanye z'Igihugu, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge tugendana buri munsi muri uru rugendo rwo gufasha abanyarwanda, imiryango nyarwanda itandukanye, n'imiryango nterankunga yatwunganiye mu mishinga inyuranye yo gufasha abantu. Tuzagumya gufatanya gushakira abanyarwanda ibyiza bidufasha twese kujya mbere, twubaka amahoro, ituze, ubwubahane n'ubusabane.

Kuri uyu munsi dusaba amahoro mu Bihugu bituriye Ibiyaga Bigari, duharanire ko amahoro yaba umuco iwacu i Rwanda. Nyagasani abahe umugisha.

**Padiri Valens NIRAGIRE**
Umunyamabanga Mukuru
wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro

## 25 ANS SUR LE « CHEMIN DE L'UNITÉ ET LA RÉCONCILIATION » POST GÉNOCIDE PERPETRÉ CONTRE LES TUTSI EN 1994

**Peuple Rwandais, Amis du Rwanda**
**Parcourons ensemble le travail accompli par l'Église Catholique au Rwanda**

### 1994-1998

- Assistance aux veuves, orphelins, rescapés du génocide. Réhabilitation/construction des abris aux nécessiteux
- Education à la solidarité, la réconciliation, l'accompagnement,
- Ecoute des marginalisées ou traumatisées

### 1998-2002

- Synode « Gacaca Nkirisitu »
- Mise en place de communautés ecclésiale de base pour un dialogue de proximité
- Formation des observateurs des juridictions publiques GACACA
- Messages des Evêques pour encourager les Rwandais dire la vérité et rien que la vérité

### 2002-2010

- Naissance de groupements /clubs d'unité et réconciliation
- Pastorale dans les prisons et accompagnement de la réintégration des bourreaux libérés.
- Partenariat accru avec la Commission Nationale d'Unité et Réconciliation
- Dynamique sous régionale pour le la solidarité et la cohabitation pacifique

### 2010-2019

- Partenariat avec les districts dans le domaine du développement.
- Lettres de demande de pardon pour les fidèles catholiques ayant trempé dans le génocide.
- Visite du Chef de l'Etat au Vatican et son soutien ferme aux initiatives de l'Eglise comme partenaire incontournable du Gouvernement.

THANK YOU FOR 25 YEARS PERMANENT SUPPORT 1994 – 2019

## 25 YEARS TOWARDS UNITY AND RECONCILIATION PATH AFTER 1994 GENOCIDE PERPETRATED AGAINST TUTSI

25 ANS SUR LE « CHEMIN DE L'UNITÉ ET LA RÉCONCILIATION » POST GÉNOCIDE PERPETRÉ CONTRE LES TUTSI EN 1994

Peuple Rwandais, Amis du Rwanda
Parcourons ensemble le travail accompli par l'Église Catholique au Rwanda

Fellow Rwandans, Friends of Rwanda
Let's together have a look on the work done by the Catholic Church in Rwanda